2	URUKATSA Justine	Vice Perezida
3	UMWALI Christine	Umunyamabanga
4	KAYIJUKA Louis de Mont Fort	Umujyanama
5	MUSHIMIYIMANA Juvenal	Umujyanama

Abagize Akanama Nkemurampaka

No	Amazina	Icyo ashinzwe
1	Rwamuhizi Fidele	Perezida
2	Rurangirwa Regis	Vice Perezida
3	Kagoyinyonga Martine	Umunyamabanga

Ingingo ya kane: Ibindi

Inama yashyizeho kandi yemeza gahunda y'ibikorwa umuryango uteganya gukora umwaka wa 2010 Inama yarangiye saa munani n'igice z'amanywa. (14h30).

Bikorewe i Kigali kuwa 28/03/2010

Perezida

MWISENEZA Abdel Aziz (sé)

Umwanditsi:

Mukandengo Claudine (sé)

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA RUSANGE IDASANZWE Y'UMURYANGO WA GAERG,
KU CYUMWERU TALIKI YA 26/09/10**

Umuryango GROUPE DES ANCIENS ETUDIANTS RESCAPES DU GENOCIDE (GAERG) warateraniye mu Nteko Rusange yawo yo kuwa 26/09/10, ihamagajwe n'umuyobozi wayo Mme GATAYIRE Claire watorewe uwo mwanya kuwa 6/6/2010.

Ku murongo w'ibygwa hari ingingo hari:

- **Kwemeza ibyavuye mu matora ya GAERG yabaye kuwa 6/06/2010**
- **Kwemeza gahunda y'ibikorwa by'umwaka 2010 – 2012**
- **Kwemeza abanyamuryango bashya**

**1) KWEMEZA IBYAVUYE MU MATORA Y'ABAYOBOZI BA GAERG YABAYE
KUWA 6/06/2010**

Ku itariki ya 28/03/2010 ku cyicaro cya GAERG habereye igikorwa cyo gushinga ku mugaragaro umuryango wa GAERG, kwemeza amategeko ndetse no gutora abayobozi ba GAERG. Abayobozi bemejwe kuwa 28/03/2010 imbere y'amategeko bari baratowe by'agateganyo mu nama rusange yo kuwa 9/12/2007. Ni muri urwo rwego inama rusange yateranye kuwa 6/06/2010 yasanze ari ngombwa ko hatorwa abandi abayobozi bashya ba GAERG kugira ngo basimbure bagenzi babo bari bamaze imyaka ibiri n'igice bakora akazi gakomeye karimo no kumenyekanisha umuryango imbere y'amategeko (Kuwa 2007-2010)

Kubera ko kuwa 6/06/2010 ubwo habaga amatora nta Noteri wari uhari kugira ngo adufashe kubahiriza ibisabwa n'amategeko kugira ngo abayobozi babe bakora bikurikije amategeko duhereho dusaba ubuzima gatozibw'umuryango, ku wa 26/09/2010 habaye inama rusange kugira ngo hemezwe abayobozi batowe ku wa 6/06/2010 imbere ya Noteri. Ni muri urwo rwego inama rusange yemeje abayobozi bakurikira:

b) Inama y'Ubuyobozi

No	AMAZINA	UMWANYA YATOREWE
1	GATAYIRE MARIE CLAIRE	Perezida (Umuwugizi w'umuryango)
2	MUHUNDE JULES	Vice Perezida (Umuwugizi wungirije)
3	NSHUTI YVES	Umunyamabanga
4	BITEGA EPAPHRODITE	Komiseri ushinzwe umutungo no gutubura umutungo
5	GACENDELI Devota	Komiseri ushinzwe umubano
6	MUJARIBU Janvier	Komiseri ushinzwe uburezi
7	URUKATSA JUSTINE	Komiseri ushinzwe imibereho myiza
8	MAZIMPAKA JEAN MARIE	Komiseri ushinzwe kwibuka no kubika indangamateka

9	INTWAZA ALAIN YSER	Komiseri ushinzwe amakuru n'ubukangurambaga
10	USENGIMANA JEAN MARIE VIANNEY	Komiseri ushinzwe imyitwarire myiza n'umutekano w'abanyamuryango

c) **Abagize inteko ihagararive ingo**

No	Amazina	Icyo ashinzwe
1	RUTAGENGWA BOSCO	Perezida
2		Vice Perezida
3	MUGESERA INNOCENT	Umunyamabanga

d) **Abagenzuzi b'Imari**

No	Amazina	Umwanya yatorewe
1	KABERA OLIVIER	Umugenzuzi mukuru
2	SEBAHUNGU FIDELE	Umugenzuzi Wungirije
3	NTAZINDA ERASME	Umunyamabanga
4	KABANGO JEAN PIERRE	Umugenzuzi
5	KAYIJUKA LOUIS DE MONT FORT	Umugenzuzi

e) **Akanama Nkemurampaka**

No	Amazina	Umwanya yatorewe
1	RWAMUHIZI Fidèle	Perezida
2	RURANGIRWA REGIS	Vice Perezida
3	KAGOYONYONGA MARTINE	Umunyamabanga

2. KWEMEZA GAHUNDA Y'IBIKORWA 2010-2012

Abari mu nama bamurikiwe gahunda y'ibikorwa bya 2010-2012 bayitangaho ibitekerezo hanyuma barayemeza.

3. KWEMEZA ABANYAMURYANGO BASHYA

Inama rusange yemeje abasabye kuba abanyamuryango bashya.
Inama yatangiye saa tatu irangira saa sita.

Bikorewe i Gasabo kuwa 26/09/2010

Umwanditsi w’Inama
INTWAZA Alain (sé)

Umuyobozi w’Inama
GATAYIRE Marie Claire (sé)

KWEMERA INSHINGANO

Twebwe, GATAYIRE MARIE CLAIRE, Perezida w’umuryango wa GAERG akaba n’Umuwugizi w’umuryango na MUHUNDE JULES, Vice Perezida akaba n’Umuwugizi Wungirije, twemeye inshingano duhawe nyuma yo kwemezwa n’Inama Rusange ya GAERG yabaye kuwa 26/09/2010 mu Karere ka Gasabo ahari icyicaro cya GAERG.

Umukono

GATAYIRE MARIE CLAIRE, Prezida (sé)
MUHUNDE JULES, Vice - Perezida (sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N°91/11 RYO KUWA 15/06/2009 RIHA UBUZIMAGATOZI "HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION" KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°91/11 OF 15/06/2009 GRANTING LEGAL STATUS TO THE "HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION" AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N°91/11 DU 15/06/2009 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A "HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION" ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere : Izina n'Icyicaro by'Umuryango

Article One: Name and Head Office of the Association

Article premier : Dénomination et Siège de l'Association

Ingingo ya 2 : Intego z'Umuryango

Article 2: Objectives of the Association

Article 2 : Objet de l'Association

Ingingo ya 3 : Abavugizi b'Umuryango

Article 3: The Legal Representatives

Article 3 : Les Représentants Légaux

Ingingo ya 4 : Igihe Iteka ritangira gukurikizwa.

Article 4: Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°91/11 RYO KUWA 15/06/2009 RIHA UBUZIMAGATOZI "HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION" KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°91/11 OF 15/06/2009 GRANTING LEGAL STATUS TO THE "HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION" AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N°91/11 DU 15/06/2009 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A "HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION" ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice/ Attorney General,

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwa kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Ashingiye ku Itegeko N° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 an 20;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrête Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Abisabwe n'Umuvugizi wa "**Human Rights First Rwanda Association**" mu rwandiko rwe rwakiriwa ku wa 13/04/2009;

Upon request lodged by the Legal Representative of the "**Human Rights First Rwanda Association**" on 13/04/2009;

Sur requête de la Représentante Légale de "**Human Rights First Rwanda Association**" reçue le 13/04/2009 ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Izina n'Icyicaro by'Umuryango

Ubuzimagatozi buhawe "**Human Rights First Rwanda Association**", ufite icyicaro cyawo mu Karere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 2: Intego z'Umuryango

Umuryango ugamije:

-Gufasha abatishoboye mu bijyanye n'amategeko binyujijwe mu bafasha mu by'amategeko;

-Gushyiraho gahunda yihariye y'ubukangurambaga ku burenganzira bwa muntu;

-Guteza imbere uburenganzira bwa muntu n'imibereho myiza y'abantu babana n'ubwandu bwa SIDA mu Rwanda.

Ingingo ya 3: Abavugizi bw'Umuryango

Uwemerewa kuba Umuvugizi wa "**Human Rights First Rwanda Association**", ni Madamu **ABERA Fridah**, Umunyarwandakazi utuye mu Murenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije w'uwo muryango ni Bwana **NZOVU Job Ruzage**, Umunyarwanda utuye mu Murenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali.

Article One: Name and Head Office of the Association

Legal status is hereby granted to the "**Human Rights First Rwanda Association**" situate at Kicukiro District, Kigali City.

Article 2: Objectives of the Association

The Association has the following objectives:

-To provide legal assistance to vulnerable groups through community legal clinics;

-To promote human rights curriculum education;

-To advocate and protect the human rights and status of people living with HIV/AIDS in Rwanda.

Article 3: The Legal Representatives

Mrs **ABERA Fridah** of Rwandan nationality, residing in Remera Sector, Gasabo District, in Kigali City, is hereby authorised to be the Legal Representative of "**Human Rights First Rwanda Association**".

Mr **NZOVU Job Ruzage**, of Rwandan nationality, residing in Kicukiro Sector, Kicukiro District, in Kigali City, is hereby authorised to be the Deputy Legal Representative of the same Association.

Article premier : Dénomination et Siège de l'Association

La personnalité civile est accordée à "**Human Rights First Rwanda Association**", sise dans le District de Kicukiro, Ville de Kigali.

Article 2 : Objet de l'Association

L'Association a pour objet :

-Offrir l'assistance juridique aux groupes vulnérables à travers les cliniques juridiques ;

-Promouvoir le programme de l'enseignement des droits de la personne humaine ;

-Promouvoir les droits de la personne et le statut des personnes vivant avec le VIH/SIDA au Rwanda.

Article 3 : Les Représentants Légaux

Est agréée en qualité de la Représentante Légale de "**Human Rights First Rwanda Association**", Madame **ABERA Fridah**, de nationalité Rwandaise, résidant dans le Secteur de Remera, District de Gasabo, dans la Ville de Kigali.

Est agréé en qualité du Représentant Légal Suppléant de la même Association Monsieur **NZOVU Job Ruzage**, de nationalité Rwandaise, résidant dans le Secteur de Kicukiro, District de Kicukiro, dans la Ville de Kigali.

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira
gukurikizwa

Iri Teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 15/06/2009

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 15/06/2009

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 15/06/2009

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF: HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION

UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU: HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION

NON-PROFIT MAKING ORGANISATION: HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION

STATUTS

AMATEGEKO SHINGIRO

MEMORANDUM AND ARTICLES OF ASSOCIATION

CHAPITRE I :

DENOMINATION, SIEGE, DUREE ET OBJET

UMUTWE WA I :

IZINA, INTEBE, IGIHE N'INTEGO

CHAPTER ONE :

NAME, HEADQUARTERS, DURATION AND OBJECT

Article premier :

Il est constitué entre les soussignés, une association sans but lucratif dénommée, **HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION**, régie par les présents statuts et soumise aux dispositions de la loi N° 20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif.

Ingingo ya mbere :

Abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro bashinze umuryango udaharanira inyungu witwa, **HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION**, ugengwa n'Itegeko N°20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, hamwe n'aya mategeko shingiro.

Article One :

A non-profit making organisation known as **HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION** is hereby formed. It will be regulated by these articles of association and in accordance with Law No.20/2000 of 26 July 2000 that regulates non-profit making organizations.

Article 2 :

Le siège de l'association est établi dans le District de Kicukiro, Ville de Kigali. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.

Ingingo ya 2 :

Icyicaro cy'umuryango gishyizwe mu Karere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali. Gishobora ariko kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.

Article 2:

The headquarters of the association shall be situated in Kicukiro District, of Kigali City. It may however, be transferred elsewhere in Rwanda upon the decision of the General Assembly.

Article 3 :

L'association exerce ses activités sur toute l'étendue de la République du Rwanda. Elle est créée pour une durée indéterminée.

Ingingo ya 3 :

Umuryango ukorera imirimo yawo ku butaka bwose bwa Repubulika y'u Rwanda. Kandi ukaba uzamara igihe kitazwi.

Article 3:

The association will exercise its activities all over the Rwandan territory. The association shall exist for an indeterminate duration.

Article 4 :

L'association a pour objet de :

-promouvoir l'assistance juridique sein des groupes vulnérable à travers les cliniques juridiques ;

Ingingo ya 4 :

Umuryango ugamije :

-Gufasha abatishoboye mu bijyanye n'amategeko binyujijwe mu bafashamategeko ;

Article 4:

The non-profit making association is established to :

- Provide legal assistance to vulnerable groups through community legal clinics

-promouvoir le programme d'enseignement des Droits de l'homme ;

-promouvoir les droits de l'homme et le statut des personnes vivant avec le VIH/SIDA au Rwanda ;

- renforcer l'unité et la réconciliation des Rwandais.

-Gushiraho gahunda y'amasomo y'ihariye k'Uburenganzira bwa muntu ;

-guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'imibereho myiza y'abantu babana n'ubwandu bwa Sida mu Rwanda ;

-gushimangira ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda.

- Promote Human Rights curriculum education

- Advocate and protect the human rights, and status of people living with HIV and AIDS in Rwanda;

-strengthen unity and reconciliation among the Rwandans.

CHAPITRE II : DES MEMBRES

Article 5 :

L'association est composée des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur. Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts.

Sont membres adhérents toutes personnes qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'association. Ils ont les mêmes droits et devoirs vis-à-vis de l'association.

Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale aura décerné ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'association.

Les membres d'honneur sont proposés par le Comité Exécutif et agréés par l'Assemblée Générale. Ils jouent un rôle consultatif mais ne prennent pas part aux votes.

UMUTWE WA II : ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 5 :

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abanyamuryango bawinjiramo nyuma n'abanyamuryango b'icyubahiro.

Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

Abanyamuryango bawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyezwa gukurikiza aya mategeko shingiro kandi bakemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango bawushinze n'abawinjiramo nyuma ni abanyamuryango nyakuri. Bafite uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe ku birebana n'umuryango.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange kubera ibyiza by'akarusho bakoreye umuryango.

Abanyamuryango b'icyubahiro batangwa na Komite Nyobozi, bakemerwa n'Inteko Rusange. Bagishwa inama gusa ariko

CHAPTER II: MEMBERSHIP

Article 5:

The association shall be composed of founder members, ordinary members, and honorary members.

The founder members are those that have signed the present articles of association.

The ordinary members are those who will join the association following their application and acceptance by the General Assembly.

The founder members and ordinary members constitute the effective membership of the association. They have the same rights and obligations as regards the association.

The honorary members are persons or entities who have been accepted by the General Assembly because of their good deeds towards the organization.

Honorary members are proposed by the Executive Committee and approved by the General Assembly. They shall have a consultative role

ntibatora.

but will not have voting rights.

Article 6 :

Les membres effectifs prennent l'engagement de participer inconditionnellement aux activités de l'association. Ils assistent aux assemblées générales avec voix délibérative. Ils ont l'obligation de verser une cotisation annuelle dont le montant est fixé par l'Assemblée Générale.

Ingingo ya 6 :

Abanyamuryango nyakuri biyemeza kwitangira umuryango nta zindi nyungu bawutegerejemo. Baza mu Nteko Rusange kandi bafite uburenganzira bwo gutora. Bagomba gutanga umusanu wa buri mwaka ugenwa n'Inteko Rusange.

Article 6:

Ordinary members exercise their duties to the association unconditionally. They participate in the deliberations and vote at the General Assembly. They are obliged to pay a certain subscription fee fixed by the General Assembly.

Article 7 :

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du Comité Exécutif qui les soumet à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Ingingo ya 7 :

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zohererezwa Perezida wa Komite Nyobozi, akazishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ifate umwanzuro.

Article 7:

All applications for membership shall be addressed to the chairperson of the Executive Committee who will in turn present them to the General Assembly for approval.

Article 8 :

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'association.

Ingingo ya 8 :

Umuntu areka kuba umunyamuryango iyo apfuye, iyo aseze ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

Article 8:

Members shall lose their membership upon death, voluntary resignation, expulsion or dissolution of the association.

Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Exécutif et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Useze ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Voluntary resignation is addressed to the chairperson of the Executive Committee who will in turn present it for acceptance by the General Assembly.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement intérieur de l'association.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere y'umuryango.

The decision to expel a member is pronounced by the General Assembly by a 2/3 majority vote for not conforming to the articles of association and the internal regulation of the association.

CHAPITRE III :
DU PATRIMOINE

UMUTWE WA III :
UMUTUNGO

CHAPTER III:
PROPERTY

Article 9 :

L'association peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les

Ingingo ya 9 :

Umuryango ushobora kugira cyangwa gutunga ibintu

Article 9:

The association may acquire moveable and immoveable property

biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

Article 10 :

Le patrimoine de l'association est constitué par les cotisations des membres, les dons, les legs, les subventions diverses et les revenus issus des activités de l'association.

Article 11 :

L'association affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'association.

Article 12 :

En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de l'association et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une autre association poursuivant les objectifs similaires.

CHAPITRE IV :
DES ORGANES

Article 13 :

Les organes de l'association sont :

- l'Assemblée Générale ;
- le Comité Exécutif;
- le Commissariat aux comptes.

Section première :
De l'Assemblée Générale

Article 14 :

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'association. Elle est

byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugira ngo ugere ku ntego zawo.

Ingingo ya 10 :

Umutungo w'umuryango ugizwe n'imisanzu y'abanyamuryango, impano, imirage n'imfashanyo zinyuranye n'umusaruro uva mu bikorwa by'umuryango.

Ingingo ya 11 :

Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye. Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire umugabane asaba igihe aseze ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

Ingingo ya 12 :

Igihe umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihuje intego.

UMUTWE WA IV :
INZEGO

Ingingo ya 13 :

Inzego z'umuryango ni izi zikurikira :

- Inteko Rusange ;
- Komite Nyobozi;
- Ubugenzuzi.

Igice cya mbere :
Ibyerekeye Inteko Rusange

Ingingo ya 14 :

Inteko Rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango.

necessary for carrying out of its objectives.

Article 10:

The assets of the association shall be proceeds from the subscription of the members, donations, legacies as well as from income generating activities of the association.

Article 11:

The association allocates its resources to activities that directly or indirectly serve the objectives of the association. No member shall have any claims or shares to the assets of the association in case of voluntary resignation, expulsion or dissolution of the association.

Article 12:

In case of dissolution, following the inventory of all moveable and imoveable assets and payment of all debtors, the remaining assets shall be allocated to another association with similar objectives.

CHAPTER IV :
ORGANS

Article 13:

The organs of the association are :

- General Assembly;
- Executive Committee;
- Audit Committee.

Section One:
The General Assembly

Article 14:

The General Assembly is the supreme organ of the association. It

composée de tous les membres de l'association.

Article 15 :

L'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le Président du Comité Exécutif ou le cas échéant, soit par le Vice-Président.

En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Président et du Vice-Président, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par 1/3 des membres effectifs.

Pour la circonstance, l'Assemblée élit en son sein un Président.

Article 16 :

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session ordinaire. Les invitations contenant l'ordre du jour sont remises aux membres au moins 30 jours avant la réunion.

Article 17 :

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 des membres effectifs sont présents.

Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 15 jours. A cette échéance, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

Article 18 :

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin.

Igizwe n'abanyamuryango bose.

Ingingo ya 15:

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida.

Iyo Perezida na Visi-Perezida bose badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagarwa mu nyandiko isinyweho na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri.

Icyo gihe, abagize Inteko Rusange bitoramo Perezida w'inama.

Ingingo ya 16:

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe. Inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa zishyikirizwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi 30.

Ingingo ya 17:

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari.

Iyo uwo mubare utagezweho, indi nama itumizwa mu minsi 15. Icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro uko umubare w'abahari waba ungana kose.

Ingingo ya 18:

Inteko Rusange idasanzwe iterana buri gihe iyo bibaye ngombwa. Uburyo ihamagazwamo

is composed of all members of the association.

Article 15:

The General Assembly is convened and over by the Chairperson of the Executive Committee, in his/her absence or unavailability, the vice-Chairperson shall convene and chair it.

In cas of absence, refusal or unavailability of the Chairperson and the Vice-Chairperson, the General Assembly is convened in writing by a notice comprising signatures of 1/3 of the effective members.

In that case, the General Assembly will choose amongst themselves the chairperson of the assembly.

Article 16:

The ordinary General Assembly shall be convened once every year. Letters inviting the members to the meeting shall always be sent to them 30 days in advance.

Article 17:

The General Assembly convenes and deliberates when 2/3 of the effective members are present.

If such a quorum is not attained, another meeting shall be convened within 15 days. In such a case, the General Assembly convenes and deliberates on issues irrespective of the number of members present.

Article 18:

The Extra-ordinary General Assembly may be convened at any time when it is so required. It is

ikanayoborwamo ni bumwe n'ubw'Inteko Rusange isanzwe.

convened and presided over in the same manner as the ordinary General Assembly.

Les modalités de sa convocation et de sa présidence sont les mêmes que celles de l'Assemblée Générale ordinaire. Les délais de sa convocation sont fixés à 15 jours. Les débats ne peuvent porter que sur la question inscrite à l'ordre du jour de l'invitation uniquement.

Ihamagarwa mbere y'iminsi 15. Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe ku murungo w'ibyigwa nk'uko biba byatangajwe mu butumire.

It is convened 15 days in advance. Only matters on the agenda shall be deliberated upon.

Article 19 :

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Ingingo ya 19:

Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu kimwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana irya Perezida rigira uburemera bw'abiri.

Article 19:

Unless otherwise provided for by the laws governing non-profit making organisations or these articles of association, decisions of the General Assembly are taken in accordance with the required quorum. In case of a tie in votes, the Chairperson shall have a deciding vote.

Article 20 :

Les pouvoirs dévolus à l'Assemblée Générale sont :

- adoption et modification des statuts et du règlement d'ordre intérieur ;
- nomination et révocation du Représentant Légal et du Représentant Légal Suppléant ;
- détermination des activités de l'association ;
- admission, suspension ou exclusion d'un membre ;
- approbation des comptes annuels ;
- acceptation des dons et legs ;
- dissolution de l'association.

Ingingo ya 20:

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

- kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amabwiriza ngenamikorere yawo;
- gushyiraho no kuvanaho uhagarariye umuryango n'umwungirije;
- kwemeza ibyo umuryango uzakora;
- kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;
- kwemeza buri mwaka imicungire y'imari;
- kwemera impano n'indagano;
- gusesa umuryango.

Article 20:

The General Assembly shall have the following powers:

- adopt and modify the articles of association and internal regulations of the association;
- to appoint and dismiss representatives of the association;
- to approve the objects of the association;
- to admit and expel members of the association;
- to approve the annual budget of the association;
- to accept donations and legacies;
- to dissolve the association.

Section deuxième :
Du Comité Exécutif

Article 21 :

Le Comité Exécutif est composé du:

- Président : Représentant Légal ;

Igice cya kabiri:
Komite Nyobozi

Ingingo ya 21:

Komite Nyobozi igizwe na:

- Perezida: Umuvugizi

Section two:
Executive Committee

Article 21:

The Executive Committee is composed of:

- Chairperson: Legal Representative;

- | | | | |
|---|-------|--|--|
| - Vice-Président :
Représentant
Suppléant ; | Légal | w'umuryango;
- Visi-Perezida: Umuvugizi
wungirije; | - Vice-Chairperson: Vice-
Legal representative; |
| - Secrétaire ; | | - Umunyamabanga; | - The Secretary; |
| - Trésorier. | | - Umubitsi. | - The Treasurer. |

Article 22 :

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée Générale pour un mandat de deux ans renouvelable.

En cas de démission volontaire ou forcée prononcée par l'Assemblée Générale ou de décès d'un membre du Comité Exécutif au cours du mandat, le successeur élu achève le mandat de son prédécesseur.

Article 23 :

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par trimestre, sur convocation et sous la direction du Président ou à défaut, du Vice-Président.

Il siège lorsque les 2/3 des membres sont présents. Ses décisions se prennent à la majorité absolue des voix lorsqu'il n'y a pas de consensus. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Article 24 :

Le Comité Exécutif est chargé de :

- mettre en exécution les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale ;
- s'occuper de la gestion quotidienne de l'association ;
- rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé ;
- proposer à l'Assemblée

Ingingo ya 22:

Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri. Manda yabo imara imyaka ibiri ishobora kongerwa.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi yeguye ku bushake, avanywe ku mwanya we n'Inteko Rusange cyangwa yitabye Imana, umusimbuye arangiza manda ye.

Ingingo ya 23:

Komite Nyobozi iterana igihe cyose bibaye ngombwa, ariko byanze bikunze rimwe mu gihembwe, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida cyangwa Visi-Perezida iyo bibaye ngombwa.

Iterana iyo hari 2/3 by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye iyo nta bwumvikane bubonetse. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 24:

Komite Nyobozi ishinze:

- gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;
- kwita ku micungire ya buri muni y'umuryango;
- gukora raporo y'ibyakoze mu mwaka urangiye;
- gushyikiriza Inteko Rusange ingingo z'amategeko

Article 22:

Members of the Executive Committee are elected by the General Assembly of effective members for a two-year renewable term.

In case of voluntary resignation, resignation forced by the General Assembly or death of a member of the Executive Committee, his successor completes the remaining term.

Article 23:

The Executive Committee convenes whenever it is required but must meet at least once in three months. It is convened and chaired by the Chairperson or the Vice-Chairperson if deemed necessary.

It convenes whenever 2/3 of its members are present. Its decisions are taken by an absolute majority decision in case there is no consensus. If there are equal votes, the Chairperson shall have a deciding vote.

Article 24:

The duties of the Executive Committee shall be:

- to implement the decisions and recommendations of the General Assembly;
- daily management of the association;
- to submit a report of activities undertaken in a previous year;
- to submit to the General

- | | | |
|--|---|--|
| Générale les modifications aux statuts et au règlement intérieur ; | n'amabwiriza ngengamikorere zigomba guhindurwa; | Assembly proposals for the modification of articles of association and the internal rules of the association to be modified; |
| - préparer les sessions de l'Assemblée Générale ; | - gutegura inama z'Inteko Rusange; | - to organise the General Assembly meetings; |
| - négocier les accords de coopération et de financement avec des partenaires ; | - kugirana imishyikirano n'indi miryango igamiye ubutwererane no gushaka inkunga; | - to negotiate co-operation agreements and fundig with other partners; |
| - recruter, nommer et révoquer le personnel de divers services de l'association. | - gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi bo mu nzego zose z'umuryango. | - to recruit, appoint and dismiss personnel in all departments of the association. |

Section troisième :

Du Commissariat aux comptes

Article 25 :

L'Assemblée Générale nomme annuellement deux Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'association et lui en faire rapport.

Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'association.

CHAPITRE V :
MODIFICATION DES STATUTS ET DISSOLUTION DE L'ASSOCIATION

Article 26 :

Les présents statuts peuvent faire objet de modification sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue des voix, soit sur proposition du Comité Exécutif, soit à la demande du tiers des membres effectifs.

Article 27 :

Sur décision de la majorité de 2/3 des voix, l'Assemblée Générale peut prononcer la dissolution de

Igice cya gatatu:

Ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 25:

Inteko Rusange ishyiraho buri mwaka Abagenzuzi b'imari babiri bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kuyikorera raporo.

Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko z'ibaruramari z'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko.

UMUTWE WA V:
GUHINDURA AMATEGEKO N'ISESWA RY'UMURYANGO

Ingingo ya 26:

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 27:

Byemejwe ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa umuryango, kuwufatanya n'undi muryango

Section three:

Audit Committee

Article 25:

The General Assembly appoints two Auditors annually who are charged with auditing the use of the association's funds and other assets, upon which they make a report.

They shall have access to, without displacing, any documents and financial records of the association.

CHAPTER V:
MODIFICATION OF ARTICLES OF ASSOCIATION AND DISSOLUTION OF THE ASSOCIATION

Article 26:

The present articles may be amended by a majority decision of the General Assembly, through a request of members of the Executive Committee or 1/3 of the effective members of the association.

Article 27:

Through a 2/3 majority vote, the General Assembly may dissolve the association, merge with another

l'association, sa fusion avec ou son affiliation à toute autre association poursuivant un but analogue.

Article 28:

La liquidation s'opère par les soins des liquidateurs désignés par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix.

La nomination des liquidateurs met fin au mandat des membres du Comité Exécutif et celui du Commissariat aux comptes.

Article 29 :

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'association adopté par l'Assemblée Générale à la majorité absolue des voix.

Article 30 :

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres effectifs de l'association dont les noms paraissent ci-dessous.

Fait à Kigali, le 18/9/2008

Le Représentant Légal

ABERA FRIDA(sé)

Le Représentant Légal Suppléant

NZOVU JOB(sé)

Secrétaire

JIMMY R. MFIZI(sé)

Trésorier

MUSAGANIRE DELPHINE(sé)

cyangwa kuwomeka ku wundi bihujwe intego.

Ingingo ya 28:

Ibarura ry'umutungo w'umuryango rikorwa n'abo Inteko Rusange yashinze uwo murimo hakurikijwe ubwiganze bwa 2/3 by'amajwi.

Ishyirwaho ry'abashinzwe kurangiza iseswa ry'umutungo rivanaho nta mpaka abagize Komite Nyobozi n'iy'Ubugenzuzi.

Ingingo ya 29:

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'umuryango yemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi.

Ingingo ya 30:

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abanyamuryango nyakuri bagaragara hasi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 18/9/2008

Umuvugizi

ABERA FRIDA(sé)

Umuvugizi Wungirije

NZOVU JOB(sé)

Umunyamabanga

JIMMY R. MFIZI(sé)

Umubitsi

MUSAGANIRE DELPHINE(sé)

association or affiliate the association to another one with similar objectives.

Article 28:

Liquidation shall be executed by liquidators designated by a 2/3 majority vote of the General Assembly.

Appointment of liquidators puts an end to the powers of the board and the Audit committee.

Article 29:

The modalities for the implementation of these articles of association as well as any matter that is not catered for here shall be elaborated in the internal rules and regulations of the association to be approved by a majority vote of the General Assembly.

Article 30:

These articles of association are approved and adopted by effective members of the association whose names appear below.

Done at Kigali on the 18/9/2008

The Legal Representative

ABERA FRIDA(sé)

Deputy Legal Representative

NZOVU JOB(sé)

Secretary

JIMMY R. MFIZI(sé)

Treasurer

MUSAGANIRE DELPHINE(sé)

DECLARATION DES REPRESENTANTS LEGAUX

Nous soussignés, Abera Frida et Nzovu Job, membres fondateurs de l'association **HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION**, déclarons avoir été élus respectivement comme Représentant Légal et Représentant Légal Supplément de notre association au cours de l'Assemblée Générale constituante du 18 Septembre 2008.

Le Représentant Légal
ABERA FRIDA (s'é)

Le Représentant Légal Supplément
NZOVU JOB (s'é)

PROCES-VERBAL DE L'ASSEMBLEE CONSTITUANTE DE L'ASSOCIATION.
HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION ASBL

Le 18^{ème} jour du mois de septembre 2008, à Kicukiro dans la Ville de Kigali, s'est tenue une Assemblée Constituante de l'association sans but lucratif dénommée **HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION ASBL**.

La rencontre réunissait 4 membres sous la direction de **ABERA FRIDA**, Président de l'Association.

Etaient fixés à l'ordre du jour les points-ci après:

- Déclarer ouvertement la création de l'association ;
- Analyser et approuver les statuts de l'association ;
- Elire l'organe de Représentation et de Direction de l'Association.

Après avoir approuvé 30 articles constituant les statuts, les membres y ont apposé la signature. Il a été enfin élu un organe de Représentation et de Direction.

- ABERA FRIDA, Représentant Légal
- NZOVU JOB, Représentant Légal Supplément
- JIMMY R. MFIZI, Secrétaire
- MUSAGANIRE DELPHINE, Trésorier.

Président
ABERA FRIDA, Président(s'é)

Secrétaire
JIMMY R. MFIZI(s'é)

LISTE DES MEMBRES FONDATEURS DE L'ASSOCIATION HUMAN RIGHTS FIRST RWANDA ASSOCIATION ASBL AYANT ADOPTE LES STATUTS

1. ABERA FRIDA, Président
2. NZOVU JOB, Vice-Président
3. JIMMY R MFIZI, Secrétaire
4. MUSAGANIRE DELPHINE

ITEKA RYA MINISITIRI N°82/11 RYO KUWA 23/06/2004 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO « FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST HIV/AIDS SCOURGE » (F.A.A.S) KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

Minisitiri w'Ubutabera,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kanama 2003, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120 n'ya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu. Cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8, iya 9 n'ya 10;

Abisabwe n'Umuvugizi w'umuryango «**Forum for Activists Against HIV/AIDS Scourge**» (F.A.A.S) mu rwandiko rwakiriwe kuwa 08 Ukwakira 2003 ;

Amaze kubona icyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 25 Gashyantare 2004 :

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

Ubuzimagatozi buhawe umuryango « **Forum for Activists Against HIV/AIDS Scourge** » (F.A.A.S) ufite icyicaro cyawo i Kigali, Akarere ka Kacyiru, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 2 :

Umuryango ugamije :

- gufasha abanduye agakoko ka SIDA;
- gufasha imfubyi za SIDA;
- gutera inkunga abana barerwa n'abanduye agakoko ka SIDA;
- gutera inkunga abakene n'abatishoboye banduye agakoko ka SIDA;
- guhuza no gukorana n'indi Miryango Nyafurika irwanya icyorezo cya SIDA;
- kurwanya ubukene bushamikiye ku cyorezo cya

MINISTERIAL ORDER N°82/11 OF 23/06/2004 GRANTING LEGAL ENTITY TO THE ASSOCIATION « FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST HIV/AIDS SCOURGE » (F.A.A.S) AND AGREEING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

The Minister of Justice,

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4th, 2003, especially in its articles 120 and 121;

Given the Law n° n°20/2000 of 26th July 2000 to non profit making organizations, especially in its articles 8, 9 and 10;

On request lodged by the Legal Representative of the association «**Forum for Activists Against HIV/AIDS Scourge**» (F.A.A.S) on October 8th, 2003;

Given the decision of the Cabinet in its meeting of February 25th, 2004;

ORDERS:

Article One:

Legal entity is granted to the association «**Forum for Activists Against HIV/AIDS Scourge**» (F.A.A.S) that is based in Kigali, Kacyiru District, Kigali City.

Article 2:

The association has the following objectives:

- to provide assistance to people living with VIH/AIDS;
- to support AIDS orphans;
- to support children catered for by people living with VIH/AIDS;
- to support the economically poor and needy people living with VIH/AIDS;
- to link and cooperate closely with the African organizations working in the field of fighting against VIH/AIDS;
- to combat poverty related to problems facing

SIDA mu miryango y'abana b'imfubyi babana n'ubwandu bwa SIDA hakorwa imishinga yo kubafasha;

-kuba ijwi ry'abana b'imfubyi babana n'ubwandu bw'agakoko ka SIDA;

-gukora ihuriro rusange ryo gukangurira abantu ibijyanye n'akaga gaterwa n'icyorezo cya SIDA.

VIH/AIDS orphaned child headed household by creating self-help projects;

-to be a voice of the VIH/AIDS deprived children;

-to create a forum for the public awareness with regard to the plight of VIH/AIDS scourge.

Ingingo ya 3 :

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'umuryango « **Forum for Activists Against HIV/AIDS Scourge** » (F.A.A.S) ni Bwana ASIIMWE Frank, umunyarwanda utuye kandi uba i Kigali, Akarere ka Kacyiru, Umujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umusimbura w'uhagarariye uwo muryango ni Madamazela KALISA Flavia, umunyarwandakazi utuye kandi uba i Kigali, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 4 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi rishyiriweho umukono.

Kigali, kuwa 23/06/2004

(sé)

MUKABAGWIZA Edda
Minisitiri w'Ubutabera

Article 3:

Is agreed as the Legal Representative of the association « **Forum for Activists Against HIV/AIDS Scourge** » (F.A.A.S), Mr. ASIIMWE Frank, of Rwandan nationality, domiciled and residing in Kigali, Kacyiru District, Kigali City.

Is agreed as the Deputy Legal Representative of the same association, Miss KALISA Flavia, of Rwandan nationality, domiciled and residing in Kicukiro District, Kigali City.

Article 4:

This Order comes into force on the day of its signature.

Done in Kigali, on 23/06/2004

(sé)

MUKABAGWIZA Edda
Minister of Justice

**FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST
HIV/AIDS SCOURGE” (F.A.A.S.).**

STATUTES

PREAMBLE

We, members of “FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST HIV/AIDS SCOURGE” (F.A.A.S.) organisation,

Having realised the gravity of the danger the AIDS scourge poses to the Rwandan society,

Having observed the far reaching impact the AIDS scourge has had on individual families and on the nation at large.

Bearing in mind that the number of people orphaned and widowed by AIDS is doubling every other day,

Basing on the fact that the AIDS scourge causes untold poverty to the families whose members have contracted or died of AIDS,

Having been touched by the stigma and discrimination that is often granted with people living with HIV/AIDS,

Having therefore had the insight of discovering that people living with HIV/AIDS have a special capacity of sensitising the population in the fight against AIDS,

We resolve to the formation of a non-profit making organisation named “FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST HIV/AIDS SCOURGE” (F.A.A.S.).

**CHAPTER ONE :
REGARDING THE NAME, HEAD QUARTERS
AND OBJECTIVES OF THE ORGANISATION**

Article One: The Name of the Organisation.

According to the Law N°20/2000 of July 26th, 2000, relating to non profit making organizations, is created an association hereby named “FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST HIV/AIDS SCOURGE” (F.A.A.S.).

Article 2 : The head quarters and duration

The head office is established in Kigali, Kacyiru District, Kigali City. It can however be subject to transfer to any

**“FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST
HIV/AIDS SCOURGE” (F.A.A.S.).**

AMATEGEKO RUSANGE

IRIBURIRO

Twebwe, abanyamuryango ba “FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST HIV/AIDS SCOURGE” (F.A.A.S.),

Tumaze kubona uburemere bw’ikibazo cy’icyago cya SIDA ku banyarwanda,

Tumaze kubona ingaruka iyi ndwara igira ku miryango y’abanyarwanda no ku gihugu muri rusange,

Tumaze kubona umubare w’imfubyi n’abapfakazi wiyongera buri muni kubera icyorezo cya SIDA.

